



KURA USOBANUTSE!

Igitabo cyo kuganiriza abahungu



MINISTRY OF HEALTH



Institute for
Reproductive Health
Georgetown University

Iki gitabo cy'inkuru cyo kuganiriza abahungu cyashyizwe mu Kinyarwanda kigendeye ku mibereho y'abanyarwanda hifashishijwe igitabo cy'inkuru cyashyizwe ahagaragara na Gender roles, Equality and transformations (GREAT) cyakorewe mu majyaruguru ya Uganda ku bufatanye bwa Pathfinder International na Save the Children ku nkunga y'ikigo cy'iterambere rya leta zunze ubumwe bwa Amerika mu masezerano bagiranye No. OAA-10-00073. Amashusho yose ari muri iki gitabo yashushanyijwe na Jean de Dieu Munyurangabo.





Icyitonderwa muri make ku bazabara iyi nkuru

Intangiro y'ubugimbi, hagati y'imyaka 10 na 14, irangwa n'impinduka mu mubiri no mu bitekerezo. Abahungu bacyinjira muri icyo cyiciro akenshi barangwa no kuvangirwa cyangwa guhuzagurika ku buryo baba bakeney e inama z'abantu bakuru bizeye. Ababyeyi babo, ba nyinawabo na ba nyirasenge, ba sewabo na ba Se, bakuru babo, abayobozi babo nk'abo mu mashyirahamwe ndetse n'abarimu bafite inshingano ikomeye yo gufasha urwo rubyiruko gukura bafite ubuzima bwiza ndetse buhebuje. Izi nkuru zanditse muri iki gitabo zigenewe gufasha abo bantu bakuru bizewe, kuganira n'urubyiruko ku mihindukire ibabaho mu gihe cy'ubugimbi, ibyemezo bashobora kwifatira n'ukuntu bakwitwara ngo babebo nta mususu (ubwoba) mu bo babana. Izi nkuru zishingiye ku nama za se Habimana, yamugiraga ku bari Mbuga-ngari, aho baganiriraga nkuko bigenda mu muco mwiza wabo.

Amabwiriza ku bazakoresha inkuru ziri muri iki gitabo gihugura

1. Iki gitabo gihugura cyagenewe abahungu bari hagati y'imyaka 10 na 14. Gishobora no gusomerwa abahungu n'abakobwa bari hamwe ariko bahuje imyaka. Bibafasha kumenya no kumva kimwe ibintu ndetse no kubahaha. Abahungu kandi bashobora gutahana ikigitaba bakaba babisoma bari kumwe n'ababyeyi babo cyangwa abandi bantu bakuru bizewe.
2. Iki gitabo gihugura gishobora gukoreshwa ahantu aho ariho hose, nko mu matsinda yo mu mashuri, amatsinda yo ku nsengeri, mu nama zo midugudu ndetse no mu rugo.
3. Harimo inkuru eshatu ngufi. Inkuru yose igenewe iminota 30. Ubara inkuru ashobora gukoresha imwe cyangwa zirenze imwe mu ihuriro rimwe.
4. Iki gitabo cyakoreshwa n'ubara inkuru agihagaritse hasi cyangwa ku meza. Kuri buri rupapuro imbere hari igishushanyo cyo kwereka ingimbi. Kuri buri rupapuro inyuma hari inkuru yanditse yo gusomera ingimbi. Munsi y'inkuru hateganijwe n'ibibazoushobora kubaza ingimbi.
5. Tangira wereka ingimbi igishushanyo noneho ubabaze icyo babona n'ubusobanuro bwacyo.
6. Urasabwa kubara inkuru wishyize mu mwanya w'abayivugwamo, wigana ijwi ndetse n'ibikorwa. Ubara inkuru yahitamo gusoma inkuru n'ibibazo uko byanditswe ndetse akaba yakongeramo ibye akurikije ibibazo by'aho batuye. Iyo mibereho n'ubuzima babamo bivuzwe neza ku buryo bigaragaza itandukaniro hagati y'abahungu n'abakobwa, biba imbarutso yo kuzamura ibitekerezo no kujya impaka hagati y'urwo rubyiruko.
7. Urutonde rw'ibibazo rusange n'ibisubizo ku bijyanye n'ubugimbi n'ubwangavu murayisanga kw'iherezo ry'iki gitabo. Urwo rutonde ruzagufasha mu gusubiza ibibazo ingimbi zizakubaza.





Iki ni igishushanyo cy'umuryango utuye mu mujyi witwa Nyagatovu.


Muri iyi nkuru harimo umukobwa witwa Mutoni n'umuhungu witwa Gasore. Gasore ni inshuti ya Mutoni bigana muishuri. Gasore afite imyaka 13. Buri gitondo arazinduka agahinga mu murima w'iwabo mbere yo kujya ku ishuri. Nyuma y'amasono Gasore akora iteka umukoro w'ishuri. Akunda no gukina umupira w'amaguru n'inshuti ze.

By'umwihariko Gasore ashimishwa cyane no gukurikira ibiganiro by'abakuru byo ku Mbuga-ngari. Yumva bimuhesheje ishema kumenya no kwigira umuco wabo muri izo nkuru.

Ibibazo ubaza:

- Ni ibihe bihe wumva wishimira kubana n'umuryango wawe: Iyo babara inkuru? Cyangwa iyo mutetse ibiryo bidasanzwe?

Inkuru ya 1



Inkuru ya 1: Kuba umuhungu




Umuryango wa Gasore utegereje ko nakura azashaka umugore, akabyara kandi akanita ku babyeyi n'abavandimwe. Gasore yumva azaba mwarimu. Gasore atekerezza ko azagira ejo hazaza heza naramuka yumviye inama z'ababyeyi kandi agashyira umwete mu by'akora byose.

Gasore afite mushiki we ufite imyaka 11. Yibaza niba uwo mushiki we nawe azagera ku byo yifuza mu buzima. Bakiri bato, Gasore n'uwo mushiki we banyuze mu mibereho isa: Kujya ku ishuri, gukora imirimo yo mu rugo no gukina. Bakundaga no gutera ibiparu. Ariko rero ubwo mushiki we niwe wabaga afite imirimo myinshi, Gasore we abona umwanya uhagije wo gukina no gusubiramo amasomo.

Gasore yakunda cyane uwo mushiki we. Yumvaga yamufasha mu by'amasomo, bombi bakazatsinda, bityo bakazabaho neza, ariko yatinyaga ko bagenzi be bamubona amufasha, akibaza ko bamuseka. Ibyo byatumye ategera mushiki we ngo amufashe uko bikwiriye, ahubwo ukagira ngo hari urukuta rutagaragara rubatandukanya. Nubwo urwo rukuta rutagaragaraga, Gasore we yararwumvaga. Akensi yaribazaga ati: Ese nimena uru rukuta ngafasha mushiki wanje, ninkuraabantu bazamfata nk'umuntu w'umugabo?

Ibibazo ubaza:

- Ubusanzwe, ni iyihé mirimo mukora mu rugo?
- Ese imirimo abahungu bakora itandukanye n'iy'abakobwa?
- Ese niba itandukanye, mwumva ntacyo bitwaye? Ntakarengane mubibonamo?






Gasore abona ko imirimo myinshi mushiki we akora idatuma agira igihe gihagije cyo gusubiramo amasomo. Yanumvise ko atari byiza ku bakobwa kugenda nijoro, ko bishobora kubashyira mu kaga. Gasore kandi yifuza kuba umuvandimwe w'ingirakamaro. Nuko umugoroba umwe, yiyemeza kujya kuvoma amazi mu mwanya wa mushiki we. Aragenda abwira se ati: "Data, uyu mugoroba ndashaka kujya kuvoma amazi mu mwanya wa mushiki wanjye, kugirango nawe abone uko asubiramo amasomo yize ku ishuri. Nibaza ko twese turi abana kimwe". Ise arabyemera.

Gasore afata amajerikani ajya kw'iriba kuvoma. Nubwo yari aremereye, Gasore yayazamukanye nta kibazo kuko afite imbaraga nyinshi. Ariko ubwo, aho yanyuraga hose bagenzi be niko bamukwenaga. Umwe muri bo aramuseka cyane, undi ati: "Yee, nimurebe Gasore, ubu se wabaye umukobwa?" Gasore mu kubasubiza akababwira ati: "Ngaho se nimurebe ibibaraga byanje!"

Ariko akomeza kugenda atekereza ku magambo bagenzi be bavuze. Maze ageze imuhira, nyina na mushiki we bamusanganiza ibyishimo byinshi. Iryo joro yumvise hari ikintu cyahindutse muri we. Yumvise hari izindi mbaraga yiyumvamo.





Hari undi munsi Gasore yari avuye gukina, ageze iwabo asanga mushiki we arimo gusubira mu masomo ye, ariko byamunaniye. Niko kuza aramufasha. Barangije aragenda abwira ababyeyi babo ukuntu yifuriza mushiki we kuzakomeza kwiga neza ndetse akazatsinda. Abemerera kumufasha kuguma mu ishuri kugirango azabashe kurangiza. Ndetse abasezeranya ko azajya abimufashamo. Uwo mugoroba Gasore ageze mu buriri, yumvise umutima we ukeye! Yakomeje kwibaza icyamubayeho?

Ibibazo ubaza:

- Ese wumva wafasha mushiki wawe imirimo yo mu rugo cyangwa umukoro wo mu ishuri? Wumva wamufasha iki?
- Ese wumva yabyakira ate?
- Ni iki wifuza cyaranga umugabo muzabana? Kuki?





Umunsi ikurikiraho, Gasore yavaga ku ishuri ari kumwe n'incuti ze bahura n' n'umukobwa mu nzira . incuti za gasore Gasore zumva ziramukunze.

Inshuti ze zisaba uwo mukobwa kuba inshuti ya Gasore bati:"Nimujye hariya hirya ariko mwiganirire". Umukobwa arabihorera. Umuhungu umwe aravuga ati: "Urabona ko yicecekeye, bisobanura rero koyagukunze!" Nuko uwo muhungu yingina uwo mukobwa ngo aze abe ari we bijyanira. Ubwo Gasore we yarimo gutekereza icyo yabikoraho.

Gasore aba abwiye uwo muhungu ati: "Nshuti, nyamara kuba yacecetse ntibivuga yuko yemeye. Erega burya ugomba kubanza kubaha umuntu nawe akabona kukubaha. Ako kantu nakigishijwe na Data ambwira ati: "Jya ubanza umenyane n'umuntu, nyuma nibwo azagukunda". Nuko umukobwa ashimira Gasore ariko ahita yigendera.Maze ya nshuti ya Gasore iramubwira iti: "Sha Gaso, muri iyi minsi mbona warahindutse, usigaye wifitiye icyizere, kandi urimo gukura pe! Watubwiye ibanga ryawe?"

Ibibazo ubaza:

- Utekereza ko ibanga ry'imbaraga ziri muri Gasore ari irihe?
- Ese hari ukuntu wafasha bagenzi bawe kubaha abakobwa? Gute?






Gasore agira amahirwe yo kuganira na Papa we bari mu rugo.

Gasore atinyuka kubaza Se ati:"Mubyeyi, mu minsi ishize nafashije mushiki wanje kuvoma amazi nimugoroba. Hari n'igihe mufasha gutashya inkwi no gusubiramo amasomo yo ku ishuri. Ubu asigaye anabona umwanya wo gusubiramo amasomo, nta nubwo aba ananiwe igehe ari mu masomo. Yambwiye ko ndi umuvandimwe uhebuje. Muri iyi minsi niyumvamo imbaraga mu mutima zidasanzwe, nayobewe impamvu, hari icyo wabindushaho?"

Se amaze kumutega amatwi, aramubwira ati:" Gasore rero, ubu washenye igikuta kitagaragara. Wagishenye ukora ibyo uzi ko ari byiza kandi bikwiriye, utitaye ku byo abandi bavuga. Burya rero iteka iyo ukoze nk'ibyo, mu mutima wawe hazamukamo imbaraga zidasanzwe. Sha kora aha (amuhereza ikiganza) uri akagabo, umpesha ishema pe!"Gasore yumva biramutunguye cyane!





Maze Gasore yumva ashatse kujya kubwira bagenzi be ibanga rye. Nyamara Se we akomeza kumuganiriza amuha inama. Gasore yitwararika kumva neza no gufata byose kugirango azabibwire inshuti ze.

Se ati:"Reka ngusobanurire noneho rero iby'abagabo n'abagore. Ntujya ubona se ko hari ibintu bimwe abakobwa batandukanyeho n'abahungu ku mubiri? Nk'urugero hari ibice by'umubiri by'abagabo bidasa n'iby'abagore. Uko niko Imana yabigennye, niko bavutse.

Ariko iyo witegereje neza no mu mibereho ya buri munsi, ubona ko ubusanze abahungu n'abakobwa bakora ibintu bitandukanye, bakanambara imyenda itandukanye. Ibyo rero byo si uko bavutse, niabantu babyishyiriyeho.

Nyamara uzarebe, nk'umugore ukora ibintu bidasanze ku bagore, nko kugira isambu ye bwite, ntibimuba gukomeza akaba umugore. Umugabo nawe ukora ibyo abagabo ubusanze badakora, nko guteka no gusukura, ntibimuba gukomeza kuba umugabo. Kubera ko ibyo dukora ari ibintu byigwa, dushobora guhindura ibyo dushaka guhindura, igihe cyose tubona ko byatugirira umumaro, bigatuma ubuzima bwacu burushaho kuba bwiza.







Se akomeza amubwira ati:"Kuba umuhungu bitandukanye no kuba umukobwa, nyamara nta cyiza cyangwa ikibi kuruta ikindi. Twe abahungu n'abagabo tugira ibibazo byacu kimwe nuko abakobwa n'abagore nabo bagira ibyabo.


Ariko rero urebye ubusanzwe tuvuka twenda gusa: Abakobwa n'abahungu bose bafite umubiri mwiza n'ubwenge n'ibitekerezo byiza. Abakobwa n'abahungu bose bafite amaraso n'amagufa mu mubiri. Abakobwa n'abahungu bose baba bifuza kuzakura bakagira ubuzima bwiza. Abakobwa n'abahungu bose bakwiriye kugira amahirwe abafasha kuba abantu bazima nk'uko babyifuza.

Nicyo gituma rero tugomba gusenya ibikuta bitagaragara bibabuza amahirwe. Ariko ni ukubigenza buhoro buhoro, uga tangirira ku dutambwe duto, tworoshye, nka kuriya wabigenje, ariko ntibihagarare. Komereza aho nkuko wowe ubyumva. Icyo nicyo kizatuma uba umunyambaraga kandi abantu bakazakubaha.

Ibibazo ubaza:

- Ni irihe tandukaniro hagati y'abakobwa n'abahungu? Ese iryo tandukaniro ni kamere cyanwa ni abantu barishyizeho ?
- Ese wumva nawe wasenya ibikuta bitagaragara biri hagati y'abahungu n'abakobwa ? Ni iyihe mpamvu ari ngombwa kubisenya ?





Se wa Gasore aramubwira ati: "Mwana wanjye, noneho wamenye imbaraga zo kuba intwari buri munsi. Noneho mbwira ibyo wifuza kuzageraho mu minsi iri imbere. Watubwira twe bakuru tukagufasha kuzabigeraho. None mbwira, wumva wifuza kuzaba iki mu gihe kizaza?"


Gasore ati "Ndifuza kuzaba umuntu wiyubashye. Ndifuza kuzaba umugabo mwiza n'umubyeyi mwiza mu rugo rw'amahoro. Ndashaka kuzaba umwarimu".

Se ati:"Mwana wanjye, biranejeje kumenya ibyo utekereza. Erega iki ni cyo gihe cyo gukora gahunda y'ibyo uteganya, kugira umwete no guhirimbanira gukora ibantu bihebuje buri munsi".

Ibibazo ubaza:

- Wumva wifuza kuzaba muntu ki?
- Wifuza kuzakora umurimo ki?
- Ni nde wumva waganira nawe ku byifuzo n'ibyiringiro byawe?
- Ese inkuru ya Gasore urumva yakwigishije iki?

Inkuru ya 2



Inkuru ya 2 Ubugimbi



Igitondo kimwe, Gasore yarabyutse asanga ikabutura yararanye kimwe n'imyanya ndanga gitsina ye byatose. Arebye asanga ni ibantu by'umweru bifashe kandi bitanuka nk'inkari. Maze yumva biramuyobeye, amara umunsi wose ahangayitse, yibaza ko arwaye.

Ibibazo ubaza:

- Uratekereza ko ari ibiki byabaye kuri Gasore?
- Hari undi muntu uzi byabayeho?






Uwo mugoroba, Gasore yahuriye na Se ku Mbuga-ngari, amubwira ibyamubayeho. Se aramubwira ati: "Mwana wanje ntugire ubwoba. Ngiye kugusobanurira bijyanye no gukura byose. Ndibuka ukuntu nanje ibyo byose nabinyuzemo.

Ibyo byakubayeho nijoro byitwa "Kwiroteraho". Abahungu n'abagabo akenshi bibabaho basinziriye. Birashoboka ko ubyuka ugasangawirotseyeho . Rwose ibyo ni ibintu bisanzwe, kandi ntacyo wabikoraho.

Mbese ubu ugeze mu gihe kidasanzwe cy'ubuzima bwawe cyitwa "Ubugimbi". Iki ni igihe ubona impinduka mu mubiri wawe no mu bitekerezo. Ubugimbi butangira mu bihe bitandukanye ku bana. Bamwe babutangira hagatiy'i myaka 10 na 15. Imihindukire y'umubiri n'ibitekerezo ishobora gukomeza kugeza ku myaka 21. Ubu rero, mwana wanje, watangiye urugendo rurerure rukujyana kuba umuntu mukuru?

Gasore yumvise atuye umutwaro.





Iibazo ubaza:

- Ni izihe mpinduka z'umubiri abahungu bagira iyo bageze mu bugimbi?
- Ese hari zimwe waba waribonyeho?
- Ese iyo umuhungu yiroteyeho cyangwa agize impinduka mu mubiri, bisobanura ko ageze igithe cyo gukora imibonano mpuzabitsina? Kuki?

Kuva ubwo Gasore yumvise atinyutse noneho kubaza Se n'ibindi bibazo nuko ati:"Ubusize mu ishuri, nagerageje gusubiza ikibazo mwarimu yari abajije, ngiye kumva numva mvuze ikijwi, ngirango inkorora yamfashe. Mubyeyi, ubwo byangendekeye bite?"

Se araseka, ati:"Iyo uza kuba warambonye nkiri muto! Nagize ibyoya ku maguru, mbere y'uko hagira undi ubimera muishuri! None rero ntuhangayike. Imihindukire y'ijwi ni kimwe muri byinshi bizakubaho. Ikindi kandi, imyanya ndangagitsina yawe izabyibuha. Uzamera ubucawkaha, insya, ubwanwa, impwempwe nkanje, ndetse n'ubwoya ku maguru. Uzaba muremure, ugire ibigango, ndetse ujye ubira ibuya byinshi.

Uzajya unashyukwa rimwe narimwe. Bigaragazwa nuko igitsina cyahagurutse kigakomera. Gushyukwa bishobora kuba nijoro cyangwa ku manywa. Kandi kimwe no kwiroteraho, ni ibintu utagira icyo wakoraho, bibera igithe bishakiye, ntiwabibuba. Ariko iyo utegereje, gushyukwa bigenda bigabanuka gahoro gahoro, igitsina cyikisubiza mu mwanya wacyo. Iyo washyutswe, si ngoma gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa gusohora. Kandi nta ngorane n'imwe byagutera.

Imihindukire y'umubiri ni ikintu gisanzwe mu mikurire ya buri muntu. Ni ikimenyetso cyerekana ko umubiri ukura kandi urimo guhinduka. Nta mpungenge nimwe bigomba kugutera. Ugomba ahubwo kugira ishema ry'uko umubiri wawe ukura neza ndetse n'ibitekerezo!





Gasore arakomeza abaza Se ati: "Mubyeyi, uzi ko inshuti zanje zimbwira ko nsigaye ngira amahane.

Nk'yo dukina umupira hakagira uwiba, numva namukosora, kandi ubundi narabyihoreraga. Rwose, nawe uzi ko ubundi ntari nsanzwe meze gutyo! Ubwo se byangendekeye gute?" Se wa Gasore aramukomeza ati: "Jya ugerageza kwishyira mu mutuzo, uzajya wumva rimwe na rimwe hari ukuntu uhindutse, ndetse bamwe be kubyumva. Ushobora kumva umwanya umwe wishimye, undi mwanya wumve ubabaye. Icyangombwa ihangane wiyizeye, uzageraho umenyere izo mpinduka".

Ibibazo ubaza:

- Ni izihe mpinduka z'amarangamutima ingimbi zihura nazo?
- Ese wowe nta mpinduka nk'izo zakubayeho?









Se wa Gasore akomeza kumuganiriza agira ati: "Hari n'igihe ushobora kumva agatima ko gukunda abakobwa, ukumva bagukurura. Aha rero bisaba kwimenza, ugategereza kugeza ukuze.

Ahubwo reka rwose nkwerurire ku by'imihindukire y'imibiri y'abakobwa maze umenye iby'imibereho yabo n'iy'abahungu. Kimwe n'abahungu, abakobwa nabo bagira imihindukire. Kimwe n'abahungu nabo barakura bakaba barebare, bakamera ubucakwaha n'insya. Nabo bakunze kubira ibuya kurenza ibisanzwe kandi bakazana ibiheri mu maso.

Aho batandukaniye n'abahungu rero, abakobwa bamera amabere, ndetse bakagira amatako manini. Ikindi kandi bakajya mu mihangi buri kwezi, ari byo kuva amaraso mu myanya ndangagitsina. Ibyo bitangira hagati y'imyaka 9 na 14. Uko kuva kuba buri kwezi kandi kukamara iminsi nk'itatu (3) kugeza kuri irindwi (7). Iyo umukobwa atangiye kubona imihango ni ikimenytso cy'uko ashobora gusama. Ariko n'ubwo ashobora gusama, umubiri we n'ibitekerezo biba bitari byakura neza kugirango abe yatwita. Kimwe n'abahungu, abakobwa nabo bakeneye kubanza gukura neza mu gihe cy'ubwangavu bitegura kwinjira mu cyiciro cy'abantu bakuru".





"Gaso, ubu noneho ngiye kugusobanurira aho abana bava. Sha zunguza ukuboko kwawe kw'iburyo wigana inzoka. Reka ibyo tubyite intanga y'umugabo. Noneho funga ikindi kiganza cyawe. Reka icyo kiganza kindi tukigeranye n'igi riri mu mugore. Ngaho noneho subira mubyo ngiye kuvuga:

"Naremwe igihe ababyeyi banuje ibitsina maze intanga ava muri Data (*uzunguze ikiganza cy'iburyo nk'inzoka*), n'igi riri muri Mama riraza (*ufunge ikiganza cy'i bumoso*), biba birahuye (*uhuze ibiganza byawe*), mba ndaremwe. Amasohoro ni amatembabuzi aba arimo intangangabo ava mu myanya y'imyororokere y'umugabo. Abahungu ntibavukana intanga, batangira kuzigira igihe cy'ubugimbi bigakomeza ubuzima bwabo bwose. Igihe igitsina cy'umugabo gifashe umurego kirekura amasohoro, bishobora kuvamo gutera umukobwa inda. Ibyo rero bishobora kuba igihe cyose bagiranye imibonano mpuzabitsina badakoresheje agakingirizo cyangwa ubundi buryo bwose bwo kwirinda gusama.

Ariko rero ubyumve neza, kuba wabasha gutera umukobwa inda ntibivuga ko igihe kigeze cyo gukora imibonano mpuzabitsina no gutera inda. Urabanza ugakura, nyuma ukitegura kuba umubyeyi no kubaka urwawe rugo.

Ngaho rero, Gasore ibyo byose ujye ubyibuka mu mibereho yawe iri imbere. Igihe uzubaka, wowe n'uwo muzaba mwashakanye muzarebe umuntu ushinzwe ubuzima, muganire kuri gahunda yo gutwita no kubyara abana. Hari uburyo bwinshi bufasha abantu gutwita igihe babishatse bakirinda no kuba batwita bibatunguye. Gaso, ibyo se uzabikurikiza mu muryango wawe nkuko mbikubwiye?

Ni byiza ku ngimbi nkawe kwirinda gukora imibonano mpuzabitsina mukazategereza igihe muzaba abantu bakuru kandi bubatse ingo zabo.

Gasore yemera ko azabikora.





Kubera inama za Se, ubu nta mpungenge agifite ku mihindukire y'umubiri we. Ahubwo yiteguye kuganiriza bagenzi be ku byamubayeho.


Bukeye bwaho, arimo gukina n'abandi bana, Gasore yabonye mubyara we yahindutse. Aho gukina, yari yigunze yiyicariye iruhande rw'ikibuga. Nuko Gasore aramwegera aramubaza ati: "We, bite ko ndeba nta kigenda?" Mubyara we ni ko kumubwira ati: "Yewe, hari ibintu byaraye bimbayeho numva biranyobeye. Nabutse, nsanga agakabutura kanje katose. Sha ubanza ndwaye pe!"

Gasore aramwenyura, arambubwira ati: "Muvandimwe, urimo kunyura mu byambayeho nanje. Ibyo byitwa kwiroteraho. Ni ibantu bibaho ubugimbi butangiye igehe umubiri wawe n'ibitekerezo birimo gukura. Ni ibisanzwe ku bahungu. Urabona ndakuruta, ubu nzajya rero nkuganiriza ku mihindukire ugiye guhura nayo, kuko hari n'ibindi uzabona! **Inka ikandagiza ikinono cy'inyuma aho icy'imbere kivuye**".

Ibibazo ubaza:

- Wumva hari icyo wafasha abahungu barimo kunyura mu mihindukire y'umubiri? Wabyifatamo ute?
- Ese wababwira iki?
- Ni iki wigie ku nkuru ya Gasore?

Inkuru ya 3




Inkuru ya 3 Gufata ibyemezo bihebuje



Igihe kimwe Gasore yari atashye ari kumwe n'inshuti ze bavuye gukina umupira. Inshuti ze zibona Gasore yarameze ibyoya ku maguru. Niko kumusarika bat: "We, uzi ko wabaye umugabo! Ubu shahu washaka umukobwa mukaryamana! Uzumva ukuntu biryoha!" Gasore we akomeza kugenda yibaza ati: "Ubu se koko ndi umugabo?"

Ibibazo ubaza:

- Ese kumera ibyoya ku maguru bivuga ko wabaye umugabo?
Kuki?





Uwo mugoroba ku Mbuga-ngari, Gasore yicara ku kibuye kinini. Yashaka kwerekana, ko yabaye umugabo. Ariko abagabo bakuru bari aho bamurebana igitsure. Gasore ahita agira igitekerezo cyo gusanga abandi bagenzi be.

Nuko abaza Se yitonze ati:"Mubyeyi, ariko ubu noneho nabaye umugabo ra?"

Se aramusubiza ati: "Mwana wanjye, hindukira maze wirebe. Niko ye, urabona usa nanjye? Gasore ati: "Oya ntidusa", Se ati: "Sha iki gihe kidasanzwe ugezemo ni icyo kwiga no gukura. Ubu ntukiri akana gato kandi na none nturaba umuntu mukuru. None rero ntabwo urageza igihe cyo gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa se kurongora. Igihe ukiri muto ntukwiye kwirukira gushaka umugore hakiri kare.






Se akomeza amubwira ati: "Gaso, uko ugenda ukura rero, hari ibyemezo ugomba gufata ku byo uzajya uhura nabyo. Ndakwizeye, mwana wanjye, ko uzajya ufata ibyemezo byiza. Mbere yo gufata icyemezo icyo ari cyo cyose, jya ubanza wibaze uti:"Ese iki cyemezo ni cyiza, ese kirahebuje? Iki kibazo kizajya kigufasha gukora amahitamo meza.


Icyemezo cya mbere cy'ingenzi uzahora ufata ubuzima bwawe bwose ni ukwemera cyangwa kwanga gukora ibyo bagenzi bawe bakubwira.

Niba bagenzi bawe bagushyiraho igititu ngo ukore imibonano mpuzabitsina kandi igihe kitari cyagera, barimo kugukoresha nabi mu mbaraga zabo. Niyo bitagira igikomere byagusigira ku mubiri wawe, hari ingaruka mbi zindi bigusigira. Iyo bigenze gutyo rero, icyemezo cyiza wafata ni ukubabwira ko igihe cyawe kitaragera, ko utiteguye gukora imibonano mpuzabitsina. Ugomba kwiyemeza kubahakanira. Icyemezo gihebuje ni ukubasobanurira impamvu wumva igihe kitari cyagera, no kubakangurira gutekereza ku byemezo byabo nabo".

Ibibazo ubaza:

- Ese biroroshye gukora ibintu bitandukanye n'ibya bagenzi bawe?
- Ni iki cyagufasha gufata ibyemezo byawe bwite?





Ibibazo ubaza:

- Utekereza ko Gasore yiteguye kuzajya afata ibyemezo bihebuje mu buzima bwe? Kuki?
- Ese ujya wereka urukundo ababyeyi, abavandimwe n'inshuti? Gute?
- Ese hari ukuntu wakwereka umukobwa ko umukunze, mudakoze imibonano mpuzabitsina? Gute?


Gasore akomeza abaza Se ati: "Mubyeyi, nasobanukiwe ko ntari naba umugabo kandi ko ntari nageza igithe cyo gukora imibonano mpuzabitsina. Ariko rero hari umukobwa nkunda cyane! Ni mwiza kandi azi ubwenge. Ni gute namwereka ko mukunze, bitatuvangiyi, yaba we cyangwa njye?"

Se aramusubiza ati: " Birashoboka rwose! Hari uburyo bwinshi bwo kwereka umuntu ko umukunze. Reba nk'ababyeyi bawe cyangwa inshuti. Urabakunda kandi ubitaho, sibyo se? Ubereka urukundo mu buryo nyinshi zitandukanye.

Uko ugenda ukura. Ushobora guhitamo ubwoko bw'ubucuti ugorana n'umukobwa. Niba umukobwa ukunda nawe agukunda, hari ukuntu mushobora kugaragarizanya urukundo, bitanyuze mu gukora imibonanao mpuzabitsina. Mushobora kwandikirana inzandiko n'imivugo. kubwirana udukuru n'amabanga, kuririmba. Iyo wumvise ibyo gushaka gukora imibonano mpuzabitsina bije, wimenyereza kubikura mu bitekerezo byawe.

Se wa Gasore arakomeza ati: "Ese Gaso, wari uzi ko yaba wowe cyangwa mugenzi wawe uwo ari we wese ntawemerewe kubuza amahoro umukobwa amutesha umutwe, cyangwa amushyiraho igititu? Nta muntu wemerewe gukorakora undi niba uwo wundi atabimwemereye. Ntabwo byemewe guhatira umuhungu cyangwa umukobwa gukora imibonanao mpuzabitsina. Iyo ibyo bibaye, byitwa iohoterwa rishingiye ku gitsina. Guhohoterwa bibabaza buri wese. Gukoresha iohoterwa bituma abahungu batakaza icyizere n'icyubahiro, bikabaca ku bantu.

None rero Gasore, urumva witeguye kuzajya ufata ibyemezo bihebuje mu bucuti uzagirana n'abandi?





Gasore yashubije Se ati “Nditeguye!”.

Bukeye bwaho ku ishuri, inshuti ya Gasore yumva ko na wa mukobwa akunda Gasore. Gasore we yumvaga byamurenze, yabuze uko yifata. Niko kubaza inshuti ye ati: “Ubu se mbigire nte?”

Ya nshuti iramubwira iti: “Nta kindi mwandikire akandiko umusabe muze guhurira hano ku ishuri njoro. Ubwo nyine nibwo uza kumubwira ko umukunda”.

Gasore ahita yibuka inama za Se. Nuko aribwira ati: “Icyemezo cyiza cyaba ahubwo kumusaba guhura nawe ku manywa ariko icyemezo gihebuje cyaba gufata igithe gihagije cyo kumenyana nawe, mu gihe ubucuti bwacu bwaba burimo gukura no gushinga imizi”.

Gasore abitekerezaho umunota umwe. Nuko yandika urwandiko, arwoherereza wa mukobwa, amubwira ko amukunda kandi amwubaha. Amusaba ko yaba inshuti ye kandi amusezeranya ko azamwereka urukundo mu buryo bwinshi ariko butarimo imibonano mpuzabitsina.

Ibibazo ubaza:

- Ukeka ko wa mukobwa yemeye rwa rwandiko? Kuki?
- Ese wumwa Gasore yarafashe icyemezo cyiza cyangwa icyemezo gihebuje?
- Ni ikihe cyemezo gihebuje wafata mu kibazo nk'iki?





Umuni umwe, imvura yaragwaga maze Gasore yugama munsi y'igitu n'inshuti ze. Ntibashoboraga gukina umupira kubera imvura n'ibyondo mu kibuga.

Umwe mu nshuti ze aravuga ati:" Mukuru wanje yambwiye ko atugurira akayoga. Tujye kumva uko kameze?"

Gasore arahindukira areba ya nshuti, abona yitonze. Yibuka inama Se yamugiriye. Icyemezo cyiza cyaba kuuyana nabo ariko ntasomeho. Ariko icyemezo gihebuje cyaba icyo gusaba inshuti ze gushaka undi mukino bakina bakinezeza. Gasore akomeza kwibaza icyo abandi bari bubivugeho. Hanyuma arababwira ati:

"Nshuti zanje rero, turacyari bato, ntidukwiriye kunywa inzoga. Kunywa inzoga sibyo biri butume dusa n'abagabo. Gusa turi buse n'abasazi maze abantu baduseke. Nimuze dusubire kwikinira".

Bagenzi be barabyemera, Gasore yumva aranezerewe!

Ibibazo ubaza:

- Ese Gasore yafashe icyemezo cyiza cyangwa icyemezo gihebuje?
- Ni ikihe cyemezo gihebuje wafata mu kibazo nk'iki?





Ibibazo ubaza:

- Ese Gasore yafashe icyemezo cyiza cyangwa gihebuje?
- Ni ikihe cyemezo gihebuje wafata muri iki ibazo?

Undi munsi, Gasore yasubiye imuhira asanga mushiki we agiye kujya kuisoko. Gasore amubaza aho agiye. Undi aramusubiza ati: "Mama yampaye udufaranga, ngiye kugura ikanzu nshya".

Gasore yumva arababaye kuko yumvaga ashaka kugura ruhago. Yumva ndetse arakaye. Nka musaza we yumvaga yari akwiye kuba yaragize uruhare muri icyo cyemezo!

Gasore yibaza icyo akora. Asanga icyemezo cyiza ari uko yasaba mushiki we akamuha kuri ayo mafaranga. Ibyo bakabikora nta gushwana. Nyamara aza gusanga icyemezo gihebuje ari ukubaza mushiki we icyo abitekerezaho, bakabiganiraho, bakumvikana ku cyakorwa. N'ubundi afite amatwi abiri n'umunwa umwe ku bw'impamvu yumvikana.

Nuko Gasore abaza mushiki we ati: "Harya ubundi kuki ushaka kugura ikanzu nshya?" Mushiki we aramusubiza ati: "Muvandimwe, ku ishuri abandi bakobwa baba banseka, bandyanirana inzara kubera imyenge iri mw'ikanzu yanje. Uzi ukuntu mba namwaye!" Gasore aramwumva, ndetse amushimira ko amubwije ukuri, ariko amubwira nawe icyo akeneye ati: "Ese twareba uko twakoresha ariya mafaranga twese bikatugirira umumaro?" Mushiki we ahita amubwira ati mfite igitekerezaho: "Twasanisha iriya kanzu yanje maze tukagura n'umupira wo gukina wakoreshewe".

Gasore ahita abona ukuntu atajya agira igihe cyo kuganira na mushiki we kandi mushiki we hari ibitekerezaho afite bihebuje.





Se wa Gasore aramubwira ati: "Mwana wanje, uri akagabo, umpesha ishema. Wagiye ubanza gutekereza mbere yo gufata ibyemezo no guhitamo. Urimo kwiga gufata ibyemezo bihebuje! Urimo gukura, ariko nturaba umugabo. Mu buzima hari ibintu byinshi bigutegereje".

"Ntusanzwe, komeza wigirire icyizere, nanje ndakigufitiye!"

Ibibazo ubaza:

- Ese utekereza ko, nyuma yo kumva inkuru ya Gasore, hari icyo ugiye gukora gitandukanye n'ibyo wakoraga mbere? Ni iki?





Gasore yarakuze bihebuje! Kubera gukora cyane no kwitwararika kuri buri kintu, Gasore yabaye umwarimu wiyubashye n'icyitegererezo aho atuye.

Ashakana na wa mukobwa yakundaga kuganira nawe. Bagira urugo rw'amahoro. Bamaze kubyara abana babiri, bemeranya ko abana babiri bahagije, nuko bajya ku kigo nderabuzima kwiga uko baboneza urubyaro.

Gasore yakomeje kuba umuntu w'ingenzi mu buzima bwa mushiki we. Yamugiriye inama yo kwiga akarangiza ishuri. Ku munsi w'ubukwe bwa mushiki we, Gasore yahawe ijambo mu mihangi y'ubukwe. Mushiki we amaze kubyara, Gasore yitaye kubana bamushikiwe uko bigomba nka Nyirarume wabo. Ikibazo bagiraga cyose bajyaga kubaza se nkuko Gasore nawe yabigenje mu gukura kwe.

Gasore n'umugore we bareraga abana babo badasumbanya umuhungu n'umukobwa. Buri joro Gasore yabwiraga umukobwa we n'umuhungu we ati:

"Ntimusanzwe, mukomeze mwigirire icyizere, nanjye ndakibafitiye!"

Ibibazo rusange n'ibisubizo

Ubugimbi ni iki?

Ubugimbi ni igihe kigera umwana akaba atakiri muto kandi akaba na none atari yaba umuntu mukuru. Mu gihe cy'ubugimbi umubiri w'umuhungu n'u'umukobwa bigira impinduka - baba barebare kandi banini, imyanya ndangagitsina igakura, bamera ubwoya n'imisatsi ahantu hadasanzwe. Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, umukobwa ashobora gutwita naho umuhungu ashobora gutera inda.

Ni ku yihe myaka umuhungu n'umukobwa baba ingimbi?

Ubugimbi bugaragazwa n'impinduka zose zo mu mubiri umwana anyuramo kugirango azabe umuntu mukuru. Ubusanzwe abakobwa batangira ubwangavu mbere y'abahungu. Abakobwa bensi batangira impinduka hagati y'imyaka 8 na 13, abahungu bagatangira hagati ya 10 na 15. Bishobora gutangira vuba cyangwa bigatinda ho. Buri muntu wese burya atandukanye n'undi, buri wese rero anyura mu bugimbi ukwe. Imihindukire y'umubiri n'ibitekerezo birakomeza kugeza ku myaka 19 cyangwa 20.

Ese birasanzwe ko abahungu bamwe cyangwa abakobwa bakura vuba kurusha abandi?

Yego. Bamwe mu bahungu batangira ubugimbi ku myaka 10, abandi bagategereza no kugeza ku myaka 15. Abakobwa bamwe batangira ubwangavu kare nko ku myaka 8 abandi bagategeza ugeza ku myaka 13 ndetse bamwe bakarenzaho. Buri muntu wese uko ateye biba ari bizima.

Kuki ibice bimwe by'umubiri bikura vuba kurenza ibindi?

Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, hari gahunda imihindukire y'umubiri ubusanzwe ikurikiza. Ku bahungu, gukura kw'amabya biba mbere y'ibindi. Ariko rero, imihindukire ishobora kuza uko yishakiye, kandi byose biba ari bizima.

Gushyukwa ni iki?

Gushyukwa ni igihe imboro ihaguruka igakomera kubera amaraso. Abahungu n'abagabo ubusanzwe bashyukwa kenshi mw'ijoro. Ni ibisanzwe kubyuka agasanga yashyutswe. Ni bizima. Abagabo n'abahungu kandi bashobora gushyukwa ku manywa bibatunguye, n'iyo baba ntawubashituye cg ntakibibateye. Ni ibintu rero batagenga. Ibi ni ibintu bijyanye n'imikurire y'ubugabo bwabo.

Ni iyihe ndeshyo y'imboro yemewe?

Uburebure bw'imboro si ikintu ubwacyo cy'ingenzi, sicyo kigaragaza ubushobozi bw'umugabo bwo kubyara umwana cyangwa kuba umugabo ukunda. Ku bantu bakuru, muri rusange imboro ishobora kugira hagati ya cm 14 kugera kuri cm 16 iyo yashyutswe. Ku ngimbi, nta gipimo kiringaniye cy'uburebure kibaho kuko abahungu, bakura ku myaka itandukanye kandi ku muvuduko utandukanye. Mu gihe cy'ubugimbi hagati y'imyaka 10 na 18, imboro n'amabya byihuta mu gukura, imboro yo irakomeza kugeza ku myaka 21.

Ese amasohoro ashobora gusohokera rimwe n'inkari?

Inkari n'amasohoro, ariyo matembabuzi asohoka mu mboro iyo yashyutswe, byombi binyura mu nzira imwe. Ariko, agapfundikizo kari ku muyoboro w'inkari uva mu ruhago, gakora ku buryo inkari n'amasohoro bidashobora gusohokera igihe kimwe.

Gusiramura ni iki?

Gusiramura ni ukubaga bagakuraho agahu gatwikira umutwe w'imboro. Nta mpungenge byatera umuhungu iyo bamusiramuye, nta ngaruka nimwe bizagira ku gitsina cye

Ni gute wasukura imyanya ndangagitsina y'umuhungu?

Woza witonze imboro n'amazi n'isabune buri munsi. Iyo umuhungu adasiramuye, ashobora gukurura/gusubiza inyuma uruhu yitonze maze akoza aho ruvuye.

Kwakinisha ni iki?

Kwakinisha ni igihe umuntu yikorakora ku gitsina bikamuzanira ibyishimo bidasanzwe.

Intangangabo ni iki?

Intangangabo ni intanga iva mu mugabo. Intanga zikorerwa mu mabya zigasohokera mu matembabuzi yitwa amasohoro iyo igitsina cyashyutswe. Mu gatonyanga kamwe k'amasohoro habamo amamiliyonu y'intanga. Iyo amasohoro agiye mu gitsina cy'umukobwa, ashobora gusama. Intanga ngabo kandi niyo igena igitsina cy'umwana (umukobwa cyangwa umuhungu) igihe habayeho isama lyo umuhungu asambanye n'umukobwa akamwiyaka agasohorera hanze, nabwo ashobora kumutera inda. Ibyo biterwa nuko bitoroshye kumwiyaka hakiri kare kandi hari n'intanga ziba zageze kare mu miyoboro mbere yo gusohora nyirizina. Ubusanzwe kwakinisha bigeza ku gusohora. Nta buryo bwiza cyangwa bubi bwo kwakinisha.

Ese kwakinisha bishobora gutera uburwayi?

Oya. Kwakinisha ntacyo bitwara niyo byakorwa kenshi. Nta n'ingaruka zo gutwita cyangwa gutera inda, ubwandu bwa SIDA cyangwa izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Kwakinisha ntacyo bitwara ubushobozi bw'umugabo bwo gukora intanga. Abagabo kandi bakora intanga iteka kugeza bapfuye. Iyo umugabo asohoye bimusaba kumara umwanya kugirango yongere gusohora. Ibyo niko bimeze nta kibazo kirimo. Ikibazo kiba iyo umuntu asohora kenshi mu munsi bikaba byamubuza kujya ku mirimo ye. Umuntu ashobora kwikomeretsa iyo yikinsha n'imbaraga. Nubwo abantu batinya kuganira ku kwakinisha, nta soni biteye.

Gutera inda bisaba iki?

Nubwo uko umuntu akoze imibonano mpuzabitsina atariko atera inda, gutera inda bisaba guhura kw'ibintu bitatu: 1) hagomba kuba hari intanga y'umugore mu miyoboro ye, aho inyura ijya mu mura, hahandi umwana akurira iyo ari mu nda; 2) hagomba ko intanga y'umugabo ihura n'i'y'umugore kugirango iryo hora ry'intanga zombi havemo igi rizavamo umwana. Iryo gi noneho

naryo rigomba aho rishyika/ritura mu mura w'umugore rikahaguma.

Ni gute umuntu yakwirinda gutera inda?

Iyo umugabo agiranye imibonano mpuzabitsina n'umugore badateganya kubyara, bashobora gukoresha uburyo bwabarinda gusama. Hari uburyo bwinshi harimo agakingirizo, ibinini, inshinge, agapira bashyira mu mura, n'uburyo bwo kwifata. Ugomba gushaka umukozi w'ubuzima akagusobanurira neza iby'ubwo buryo bwose noneho ugahitamo ubukubereye. Iyo abashakanye bakoreresheje neza uburyo bwo kwirinda gusama, « bibarinda » gusama. Iyo bakoresheje agakingirizo hamwe n'ubundi buryo, « bibarinda » gusama no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nka virusi ya SIDA.